




# Gahunda yo kwigisha ibya 'mine'

Iyi gahunda igizwe n'amasomo ane akurikiranye, uretse ko bibaye ngombwa yakwigishwa mu isomo iimwe rukumbi. Ni byiza kwibuka ko igihe umwana ashobora kumara akurikiye isomo neza ari gito.



# Isomo rya 1

## IKIGAMIJWE

Iri somo rigamije gufasha abana kumenya ububi bwa mine.

## IMFASHANYIGISHO

Icyuma, ikibiriti, ikimanyu cy'ikirahure, igishushanyo cy'umwana ukina asanga umuriro, n'icy'undi ukinira mu muhanda imodoka iza imusanga.

## INTANGIRIRO

Umwarimu atangiza isomo agira ati:

**Uyu muni tugiye kurebera hamwe ibintu bimwe na bimwe mubona buri muni hir-ya no hino kandi ari kabutindi.**

(Umwarimu aber-eka ibishushanyo n'ibindi bikoresho bishobora kwangiza ubuzima yazanye mu ishuri, kimwe kimwe ukwacyo). Arababaza ati:

**Iki ni igiki? Girite kamaro ki? Ububi bwacyo ni ubuhe k'ubuzima bwacu?**

(Umwarimu agenda abaza ibi bibazo kuu buri gishushanyo na buri gikoresho, ahereye ku gikomeretsa gusa kugeza ku cyica).

Abereka igishushanyo cya mine. Akababwira ati:

**Icyi nacyo cyangiza ubuzima. Akabaza kandi niba hari uzi icyo aricyo.**

Abanyeshuri batanga ibisubizo maze umwarimu akabyandika ku kibaho. Umwarimu yakira ibisubizo byose bijyanye n'ibintu biturika, amasasu asanzwe, ibisasu bya r-utura, mine, n'ibindi.

Umwarimu yongera kubereka cya gishushanyo ati:

Iyi ni mine. Mine yagenewe gukomeretsa cyangwa se kwica. Hari mine nini zitegwa amamodoka (amakanyo, amavatiri, amamodoka ya gisirikare) maze zikayashwanyaguza. Hari n'izindi ntoya zikomeretsa cyangwa zikica se abantu.

Umwarimu yerekana ioshushanyo.

Iki gishushanyo kirerekana mine zikunze kuboneka mu Rwanda. Mu Rwanda higanje mine ziturikana imodoka kimwe n'iziturikana abantu. Yibutsa ko mine ziturikana imodoka ari nini, ziremereye, zirite ishusho y'uruziga cyangwa ya mpandenyeendinganire. Abasirikare barazitaba cyangwa se bakazorosaho agataka, aho bakeka ko imodoka zishobora kunyura.

Umwarimu yereka abanyeshuri ku gishushanyo mine itegwa amamodoka akoresheje urutoki ati:

**Ngiyi mine yegeneuye guturikana amamodoka.**

Nyuma akabereka mine ziturikana abantu.

Arongera ati:

**Ngizi mine zagenewe kwica cyangwa se gukomeretsa abantu. ni mbi cyane ku bana. Zitandukanye cyane na za mine ziturikana imodoka. Ni ntoya kandi zirabonerana. Abazitega bazitega aho bakeka ko hazanyur-xva n'abantu.**

Yerekana **POMZ 2**

Ati:

**Iyi mine itegwa mu butaka, mu gihuru cyangwa se ahantu hari ibmatsi birebire. Irtte umugozi uyiziritseho, maze uwo muguzi ugatambikwa mu nzira aho abantu banyura. Iyo hari umutu usitaye kuri uwo muguzi, mine ihita iturika. Igice kimwe gikozwe mu cyuma. Ikindi mu giti. Iyo ituritse utumanyu tw'igice gikozwe mu cyuma nitwo dukora ibara.**

Yerekana **TS50**

Ati:

**Iyi mine yo ni ntoya. Ingana n'ipaki y'itabi. Irabonerana kandi ikoze muri pulasitiki. Ishobora kureremba hejuru y'amazi. Kubera uko kurereniba, ushobora kuyisanga aho utayikekaga. Iturika iyo bayikandagiyeho.**

Yerekana **M2AI**

Ati:

**Iyi mine ishobora kuba ariyo ikaze kurusha izindi. Iyo bayitabye, hejuru y'ubutaka hasigara udutwe dutatu.**

**Akenshi haba hari umugozi uziritse kuri utwo dutwe, bakawukururira mu gihuru kiri haj't aho kugirango umuntu aze kuwusitaraho cyangwa se awukandagt're. Iyo hagize ikintu cyangwa umuntu ukora kuri wa muguzi cyangwa se kuri twa dutwe, mine ihita iturika, igasandara, ikangiza. Irica rero.**

Umwarimu ati:

**Izi mine zose maze kubabwira zi fite ubukare. Niyo mpamvu mugomba kwitegereza aho mukinir-a naho munyura nk'igihe mugiyeye kuvoma amazi cyangwa se mugiyeye gutashya inkwi, n'ahandi n'ahandi.**

Umwarimu abaza abanyeshuri icyo bakora kugirango birinde ububi bwa mine. Yandika ibisubizo byose ku kibaho. Mu bisubizo ahabwa yakira ibirimo ibi bikurikira: gukinira gusa ahantu nyabagendwa, gutinya no kwitondera inkombe z'imigezi, kutinjira mu mazu adatuwemo no kunyura mu nzira nyabagendwa.

**Isomo rya 2**

## **IKIGAMIJWE**

**Iri somo rigamije kumvisha abana icyo bagomba gukora iyo babonye mine.**

Mbere y'uko isomo ritangira, umwarimu aba yakoze imyiteguro maze agahisha mu kibuga cy'ishuri utugeri tw'ibiti. Aiyana abanyeshuri hanze, ariko akabagumisha hamwe.

Atangiza isomo abwira abanyeshuri ati:

**Hano mu kibuga hari ibintu bihahishe. Twishyiremo twese ko ari za mine zihatezwe, cyangwa se ibindi bintu biturika. Abasaba kwitegereza urugero rxv'imyifatire y'umuntu ubonye mine.**

### **Urugero:**

Umwarimu agenda atera intambwe buhoro buhoro yiyereka abanyeshuri kugeza ubwo abonye ahantu hatabye twa tugeye tw'ibiti ( tugereranywa na mine) hari ubutaka bworoshye.

Umwarimu agendana igikabyo yigengesereye kugirango abanyeshuri bamukurikire neza:

- \_ **Arahagarara, akareba hirya no hino.**
- \_ **Aho hantu hamutera amakenga.**
- \_ **Asubira inyuma buhoro buhoro.**
- \_ **Ashyira ikirenge aho yanyuze mbere.**
- \_ **Iyo ahavuye nta nkomyi, yirin-da kujarajara, agategura ikimenyetso cyo kuhashyira kugirango aburire abandi ko hari kabutindi ya mine.**

Abwira abanyeshuri ati:

**Mwitegereje neza uko nabigenje! Igihe nabonye mine cyangwa se ikintu nakekaga ko cyatera ibyago, nahagaze, nditegereza, ndeba hir-ya no hino kugirango ndebe ko nta yindi mine iri hafi aho. Namwe mushora kubigenza mutyo.**

**Ugomba gusubira inyuma usubiza ikirenge neza aho wanyuze mbere. Birumvikana ko uzasubiraye nta nkomyi kuko na mbere uhanyura nta mine wakandagye.**

- Umwarimu afata abanyeshuri babiri, Bakagendagenda mu kibuga kugirango arebe imyifatire yabo.
- Abandi banyeshuri bitegereza neza niba bagenzi babo bakora ibyo mwarimu yaberetse.
- Iyo bese bahetuye gukora imyitozo, abasubiza mu ishuri.

**Akomeza isomo, maze akababaza tcyo bakoze babonye mine.**

Ibisubizo byose batanze, Umwarimu abihinira muri aya magambo akurikira:

### **HAGARARA,**

- **WITEGEREZE,**
- **USUBIRE INYUAIA UKANDA-**
- **GIRA AHO WAKANDAGIJE UZA,**

- **CYEREKANA BO HARI MINE**

## **Isomo rya 3**

### **IKIGAMIJWE**

Iri somo rigamiye gufasha abana kwiga no kumenya ibimenyetso byerekana ahantu hari mine.

**Mu isomo riheruka twarebeye hamwe imyifatire y'umuntu ubonye mine cyangwa se indi kabutindi. Arongera agasubiramo za nteruro enye.**

### **HAGARARA,**

- **WITEGEREZE,**
- **USUBIRE INYUAIA UKANDA-**
- **GIRA AHO WAKANDAGIJE UZA,**
- **CYEREKANA BO HARI MINE**

Umwarimu aha abanyeshuri ibishushanyo. Ati:

**Murebe ibi bishushanyo. Birerekana ibimenyetso mwakoresha kugirango mwereke abandi ko hari aho mwabonye mine.**

Umwarimu yerekana ioshushanyo cy'ishami ry'igiti rivunnye ridahwanye

**Nimubona uruziga riv'amabuye, mujye mwitonda. Mur-i Ur-tvo ruztga hashobora kuba hateze mine cyangwa se ikindi gisasu giturika.**

Nyuma yerekana igishushanyo cy'ishami ry'igiti rivunnye ridahwanye.

**Ababwira ko nibaramuka bahuye n'ingeri z'amashami y'ibiti, bagomba kwitonda.**

**Akenshi aba azengurutse ahantu hari mine.**

Yerekana kandi igishushanyo kir-iho ishami riziritseho igitambaro.

**Iki kimenyetso nacyo cyerekana ko hari mine. Iki kimenyetso ni cyo kigaragara cyane. Ni nayo mpamvu aricyo mukwiye gukoresha igihe mubonye mine.**

Yerekana igishushanyo cy'urumambo rushinze rwubitseho igikombe.

**Iki kimenyetso nacyo cyerekana ko aho kiri hari mine, gusa ntigisobanura neza niba hari imwe cyangwa se nyinshi.**

Yerekana ikimenyetso cy'agahanga k'umuntu gashinyitse n'amagufa abiri.

**Iki ni ikimenyetso rusange cyerekana ahari mine. Iyo ukibonye, menya ko uhegereye wapfa, kandi ko abategetsi bazi ko hari mine.**

Umwarimu aha abanyeshuri urupapuro r-uriho ibimenyetso bivuga ahari mine maze akababwira ati:

**Mwakire uru rupapuro.**

**Murujiyane iwanyu, murutereke n'abandi. Ariko murukoreshe cyane cyane mu kwiga icyo mwakora igihe mubonye mine. Murukoreshe kugirango mumenye uko mwarinda ubuzima bwanyu n'ubw'abandi.**